REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO

AMATORA MU NAMA Z'IGIHUGU KU RWEGO RW'INTARA N'URW'IGIHUGU

Kubera igikorwa cy'irahira ry'abagize Komite Nyobozi z'Uturere giteganyijwe ku wa Mbere tariki 22/11/2021, kandi gikwiye guhabwa agaciro, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda ko amatora mu Nama z'Igihugu ateganyijwe mu cyumweru gitaha azaba ku matariki no mu buryo bukurikira.

1. **Ku wa Gatatu tariki ya 24/11/2021,** hazaba Amatora ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore n'iy'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali**.**

   Komite Nyobozi y'Inama y'Abagore ku rwego rw'Intra n'Umujyi wa Kigali itorwa n'abagize Komite Nyobozi z'Uturere tugize Intara/Umujyi wa Kigali. Ni nabo bavamo abakandida.

   Komite Nyobozi y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali, itorwa n'abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Uturere tugize Intara/Umujyi wa Kigali, hiyongeyeho **Abahuzabikorwa** b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Imirenge igize urwego rutorerwa. Abatora ni nabo bavamo abakandida.

2. **Ku wa Gatanu tariki ya 26/11/2021,** hazaba amatora ya Komite Nyobozi z'Inama z'igihugu uko ari eshatu (3), ku rwego rw'Igihugu.

   Komite Nyobozi y'Inama y'Abagore n'iy'Urubyiruko ku rwego rw'Igihigu itorwa n'abagize Komite Nyobozi z'Intara n'Umujyi wa Kigali. Inteko itora ni nayo ivamo abakandida.

   Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Igihugu itorwa n'abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, hiyongeyeho abagize **Komite Nyobozi ku rwego rw'Uturere twose** tugize Intara n'Umujyi wa Kigali. Iyo nteko itora ni yo ivamo abakandida.

DUTORE NEZA! DUTORE INGIRAKAMARO!

Bikorewe i Kigali, kuwa 18/11/2021

Digitally signed by NEC(Chairman)

Prof. KALISA MBANDA, Perezida wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora (NEC)